1 dc
1 P

Twizimugiyimana Emmanuel.

lettre (individual)

27/06/1988

Michel Kayihura

TWIRINGIYIMANA Emmanuel
Cellure KIGALI
Secteur KIGALI
Commune BUTAMWA
B.P.1330 KIGALI.

Kigali, le 27/06/1988.

Kuli Nyakubahwa Umukuru w'Igihugu
Juvénal HABYARIMANA
1 KIGALI.

A traiter par ..........
Date entrée : 8-7-88
N° Classement 14868/88

Mwigeze kunsanga, mutembera kuli Mont-KIGALI hafi y'iwanjye. Mumbaza icyo nkora; mbasubiza ko ndinda ishyamba ry'Abufurere b'Abayozefiti lihali kandi ryiza.

Mumbaza n'ibyerekeye ilindi lihali, mbasubiza ko ali irya MINAGRI. Mumbwira ko mumaze kubonamo ibacamo ibiti, tujyana kurora dusanga aho babirunze. Mwambwiye ko ninjya mbona abaryonona nzajyanza kubibamenyesha.

None narababonye, nsanga ndashobora kubashikira, niyo mpamvu yatumye mbandikira. Ikibi ni uko abaryiba ali alinzi baryo, abakozi ba MINAGRI. Turaturanye. Yewe batuye no hafi yo kwa Konseye wa Segiteri yacu, Kigali.

Dore amazina yabo:

1. NZAKAMWITA
2. NKUNDAYARI
3. MUGABARIGIRA

Ku italiki ya 27/6/88 batemye ibiti 50. Bose rero ni abo Selire KIGALI, Segiteri KIGALI, Komini BUTAMWA.

Nimurambe.

TWIRINGIYIMANA Emmanuel.